



**Our Health  
Our Future**

**ITANGAZO**

*N° RSSB 101/20*

IKIGO CY'UBWITEGANYIRIZE MU RWANDA (RSSB) KIRAMENYESHA ABANYAMURYANGO B'ISHAMI RYACYO RYA RAMA, KO MU RWEGO RWO KUBOROHEREZA, HEJURU Y'UBURYO BWARI BUSANZWE BW'AMAKARITA ARANGA ABANYAMURYANGO, BAZABA BEMEREWE GUKOYESHA INDANGAMUNTU IGIHE BAHABWA SERIVISI Z'UBUVUZI GUHERA TALIKI YA 01 GASHYANTARE 2020.

KUGIRA NGO IBYO BISHOBOKE, RSSB YAHUJE UMWIRONDORO W'ABANYAMURYANGO BAYO N'AMAKURU Y'IKIGO CY'IGIHUGU CY'INDANGAMUNTU (NIDA). ARIKO KUBERA KO HARI ABO AMAKURU ATABASHIJE GUHURUZA, BURI MUNYAMURYANGO ARASABWA KWITWAZA INDANGAMUNTU IGIHE AGIYE KWA MUGANGA HAMWE N'IKARITA ASANZWE YIVURIZAHU (CYANGWA IKIYISIMBURA) KUGIRA NGO KU BO AMAKURU ATARAHURUZA, BIKORWE N'ABAKOZI BA RSSB KU MAVURIRO, BITYO MU GIHE GITAHA AJYE AKOYESHA INDANGAMUNTU GUSA IGIHE AGIYE KWIVUZA.

RSSB KANDI YASHYIRIYEHU ABANYAMURYANGO BAYO UBURYO BWO KWIHURIZA AYA MAKURU (SELF MAPPING) HAKOYESHEJWE IKORANABUHANGA AHO UBISHAKA ASURA URUBUGA "<https://online.rssb.rw/index1152.php?menu=employee>" MAZE AGAKURIKIZA AMABWIRIZA. ABAFITE INDANGAMUNTU KANDI BASHOBORA KUGANA ISHAMI RYA RSSB RIBEGEREYE, BAGASABA GUHURUZA NOMERO Y'UBWISHINGIZI MURI RAMA NA NOMERO Y'INDANGAMUNTU KUGIRA NGO BIBAFASHE GUTANGIRA KWIVURIZA KU NDANGAMUNTU GUSA.

TUBONEYEHO KUBAMENYESHA KO GUHERA TALIKI YA 01 NYAKANGA 2020 INDANGAMUNTU IZASIMBURA IKARITA YARANGAGA ABANYAMURYANGO BA RAMA BAGEJEJE IMYAKA YO GUTUNGA INDANGAMUNTU (16).

KU BINDI BISOBANURO, MUSHOBORA GUHAMAGARA NOMERO ITISHYURWA 4044, MUGAHABWA IBISOBANURO BIRAMBUYE.

BIKOREWE I KIGALI, KU WA ..... 28 JAN. 2020.....

  
**TUSABE RICHARD**  
UMUYOBOZI MUKURU

